NESA
NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**MUS – Workplace Kinyarwanda**
**T196**
**Thursday, 22/7/2021**
**2:00 – 5:00 PM**

**Names:**..........................................

**Index number:**..........................................

# TVET NATIONAL EXAMINATION, RTQF LEVEL 5, 2020-2021


## QUESTIONS and ANSWERS BOOKLET

ISHAMI: **MUZIKA**
ISOMO: **IKINYARWANDA (WORKPLACE KINYARWANDA)**
UMWAKA W'AMASHURI: **2020-2021**

Read carefully the instructions on page (i) & (ii).

**FOR EXAMINER'S USE ONLY**

| QUESTIONS | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | Total |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Marks | | | | | | | | | | | |
| QUESTIONS | 11 | 12 | 13 | 14 | 15 | 16 | 17 | 18 | 19 | 20 | Total |
| Marks | | | | | | | | | | | |
| QUESTIONS | 21 | 22 | 23 | 24 | 25 | 26 | 27 | 28 | 29 | 30 | Total |
| Marks | | | | | | | | | | | |



# TVET NATIONAL EXAMINATION, RTQF LEVEL 5, 2020-2021

## INSTRUCTIONS TO CANDIDATES: PART I (Answer Booklet)

1. A candidate should fill in the actual names and the index number on the cover of this questions and answer booklet on the provided place (Black Box).

2. It is illegal for a candidate to write any of his/her names, index number or a school name inside the answer booklet.

3. A candidate should check if all pages of the answer booklet are complete. No candidate should remove or tear any pages or part of it from the answer booklet.

4. A candidate should answer in the language in which the examination is set. (See page ***(ii)***)

5. A candidate should sign on the sitting plan when submitting the answer booklet. He/she has also to check if the answer booklet is well sealed.

6. No extra paper is allowed in the examinations room. If a candidate is caught with it his/her results will be nullified.

7. No candidate is allowed to write answers not related to the subject being sat for, otherwise it will be considered as a cheating case.

8. Write your answers on the 12 lined pages (From page 1 of 12 to page 12 of 12).

9. Use the last non-lined pages as draft.

10. Results for any candidate who is caught in examination malpractices are nullified. The cheating can be recognized during examinations administration, marking exercise or even thereafter.

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA INYIGISHO Z'AMASOMO Y'IMYUGA N'UBUMENYINGIRO URUGEREKO RWA 5, 2020-2021

**ISHAMI: MUZIKA**

**ISOMO: IKINYARWANDA (WORKPLACE KINYARWANDA)**

**IGIHE: AMASAHA ATATU (3)**

**AMABWIRIZA:**

**Ikizamini kigizwe n'ibice bitatu:**

**Igice cya mbere: KUMVA UMWANDIKO N'INYUNGURAMAGAMBO**

**(amanota 20)**

**Igice cya kabiri: IKIBONEZAMVUGO N'UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI**

**(amanota 60)**

**Igice cya gatatu: IHANGAMWANDIKO** **(amanota 20)**

## LYANGOMBE NA RUGANZU

Lyangombe yabayeho ku ngoma ya Ruganzu. Bavuga ko Ruganzu yimanye imitsindo yo gutsinda Lyangombe; maze amutumaho umugabo w'umurozi witwaga Rujinja imbwa ya Nyamunsi ati: "Genda ubwire Lyangombe uti: 'Mubise mu gihugu ke niwanga azagutera iwawe ahagire ivu'." Lyangombe aramusubiza ati: "Mumubwire muti: 'Gupfa ko arabyiyumvamo, muti: 'Ariko araramuka apfuye ukamubandwa n'abana bawe n'umugore wawe, muti: Mbese n'abawe bose'!"

Rujinja aragenda abwira Ruganzu ubutumwa. Ruganzu aramubwira ati: « Subirayo umubwire uti : 'Wapfa wasubira umenye ko atazakubandwa', uti : 'Kabone n'abazamuzungura ntibazakubandwa'.» (Ni yo mpamvu ituma ari nta mwami ubandwa).

Nuko Ruganzu ahereza Rujinja imitsindo yo kujya gutsinda Lyangombe. Rujinja ageze kwa Lyangombe ngo atunguke mu marembo Lyangombe ahamagara imbwa ze mu mazina yazo dore ko yari yarazitiriye abagore be, ahagurukana ubwo n'imandwa zose, maze aragenda, yambuka uruzi n'abe bose. Ageze ku musozi witwa Nyabikenke bambika umuhigo.

Imbwa zivumbura impongo igize ngo irahunga ihura na Kagoro ayikubita icumu arayihusha; ihubirana na Lyangombe imucumita ihembe mu rubavu irakunkumura imujugunya mu giti cy'umurinzi (umuko).

Imandwa ziti: « Lyangombe arapfuye ». Ziti : « Iriya nyamaswa itwiciye umwami ikwiye kumera ite?" Binego ati: "Iriya nyamaswa ni nziza ntidukwiye kuyicira inzigo, nimuze tubihamye imbogo." Nuko babihamya imbogo ko ariyo yamwishe.

Mbere hose Lyangombe yari yarabwiye imandwa (abana be n'abe bose) ko nizibona apfuye zizihutira kubibwira nyina Nyiralyangombe ngo bazahurire mu birunga. Mu gitondo imandwa zunamira intumbi ye ziti: "Ni nde ugiye kuvuga ko Lyangombe yapfuye?" Bose bararebana! Binego ati: "Lyangombe yatubwiye ko atazatanga nyina mu birunga, none ni nde ushize amanga yo kujya kubivuga nonaha?" Bose baranga. Ni bwo Nkonjo yihaze ati: "Ngiye kubivuga." Aragenda abikira Nyiralyangombe ko Lyangombe yapfuye. Nkonjo atararangiza kuvuga Nyiralyangombe aba araciye ajya guhurira n'umuhungu we mu birunga.

Imandwa zikomeza kubana, zisubira iwabo mu Ngoma za Gihara. Nuko Ruganzu abaterayo, asanga barakomeje imihango ya Lyangombe yose; abatwara inyundo, ingoma n'insengo. Bacikana inkweto, ibikondo baboha mu ngori, ibinyuguri n'intango ya Lyangombe yaziheragamo inzoga zihigutse.

Ruganzu avuye mu Ngoma za Gihara, agera iwe; ngo age kumva yumve umugore arabandwa Lyangombe, yumva umwana arabandwa Lyangombe, reka abagaragu na bo barahanishije. Ruganzu abyumvise arumirwa, aribaza ati: "Ibi bintu ni ibiki?" Ubona cya gihararumbo ibyo kinkoreye! Akaba yari afite umugaragu w'igisambo wahoraga amuhenda ubwenge, akitwa Ruhuzuzu rwa Rwabagahe. Ruhuzuzu na we abonye babanzwe, ati: "Ko numva mfite amerwe uwabwira Ruganzu nkamushuka ko nabaga inka abana n'umugore we bakira, ntibasubire kubandwa Lyangombe." Amubeshya atyo, Ruganzu amuha inka, barabaga barayirya batangira ubwo oya si ukubandwa birayoba!

Imandwa zikomeza gusimburana, zisimbura izo kwa Lyangombe. Iza Lyangombe zimaze gupfa zisimburwa n'iyitwa Intare. Nuko kubandwa birakomeza na n'ubu.

## IGICE CYA MBERE: KUMVA UMWANDIKO N'INYUNGURAMAGAMBO. (Amanota 20)

### I. KUMVA UMWANDIKO (Amanota 10)

**Wifashishije ibyo usomye mu mwandiko ca akarongo ku gisubizo kiri cyo.**

1. **Imihango yo kubandwa yadutse mu Rwanda ku ngoma ya:** **(Amanota 2)**
   a. Ruganzu Ndahiro
   b. Cyilima Rugwe
   c. Ndahiro Cyamatare
   d. Ruganzu Ndoli
   e. Kigeli Mukobanya
2. **Gushira amanga ni:** **(Amanota 2)**
   a. Gushira ipfa
   b. Gushiraka ubute
   c. Gushira ubwoba n'isoni
   d. Kwiha intego
3. **Kugira amerwe ni:** **(Amanota 2)**
   a. Kugira inzara
   b. Kugira inyota
   c. Kugira irari ry'ikintu
   d. Kugira ipfa ry'inyama
4. **Inyamaswa ivugwa ko yishe Lyangombe ni:** **(Amanota 2)**
   a. Intare
   b. Imbwa
   c. Imvubu
   d. Imbogo
   e. Impongo
5. **Ubwoko bw'uyu mwandiko ni:** **(Amanota 2)**
   a. Umugani muremure
   b. Umugani mugufi
   c. Insigamigani
   d. Ibisingizo by'inyamaswa
   e. Igitekerezo

### II. INYUNGURAMAGAMBO

6. **Uzurisha interuro zikurikira aya magambo ugendeye ku nyito afite mu mwandiko unakosore aho biri gombwa** (*kwihara,inzigo)* **(Amanota 2)**

   a. Nkonjo ngo abyumve……. ati:" Ngiye kubivuga."
   b. Imbogo yaciriwe…… bayihamya ko ariyo yishe Lyangombe.

7. **Subiza YEGO ku gisubizo kiricyo, usubize OYA ku gisubizo kitaricyo mu mwanya wabugenewe.** **(Amanota 2)**

   a. Ruganzu yahaye Rujinja imitsindo yo kujya gutsinda Lyangombe…
   b. Imandwa za Lyangombe zimaze gupfa kubandwa byaracitse burundu mu Rwanda…

8. Tanga ingero ebyiri z'ibikoresho byifashishwaga mu muhango wo kubandwa bivugwa mu mwandiko. **(Amanota 2)**

9. **Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko** **Amanota 2)**

   a. Mu gitondo imandwa zunamira **umurambo** wa Lyangombe.
   b. Aragenda **amenyesha** Nyiralyangombe ko Lyangombe yapfuye.

10. Tahura amazina mbonera gakondo ane ari mu mwandiko. **(Amanota 2)**

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO N'UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI.

**(Amanota 60)**

### I. IKIBONEZAMVUGO (Amanota 30)

**11.** Mu mwanya wabugenewe imbere y'imibare mu ruhushya A huza amagambo y'imvugo yabugenewe ari mu ruhushya A n'ubusobanuro bwayo buri mu ruhushya B ukoresheje inyuguti ziri imbere y'ubwo busobanuro mu ruhushya B.

**(Amanota 10)**

| A | B |
|---|---|
| .......1. Umunega | A. Amaraso menshi cyane |
| .......2. Icondo | B. Igice k'ingabo kigana aho |
| .......3. Umuhinza | C. Imyambi |
| .......4. Imisakura | D. Umuntu wigize umutware |
| .......5. Mu rubega | E. Umuriro waka cyane |
| .......6. Umukore | F. Igice k'ingabo k'inyuma |
| ......7. Igifunga | G. Umuheto |
| ......8. Inkekwe | H. Icumu |
| ......9. Intanage | I. Umukondo w'ingabo uyitwaza |
| ......10. Inkaba | |

**12. Uzurisha amagambo yabugenewe izi nteruro zituzuye.** **(Amanota 10)**

a. Umugezi w'isuri......................................
b. Uwiruka mu ntabire..............................
c. Uwububa abonwa..................................
d. Uwanga amazimwe................................
e. Umwambari w'umwana...........................
f. Imbyeyi isuzumirwa...............................
g. Nzashira i Ngurungunzu.........................
h. Nyamwanga kumva ntiyanze..................
i. Agahinda k'inkoko.................................
j. Agapfa kaburiwe....................................

**13. Amagambo akurikira aragaragaza ingeri z'ubuvanganzo nyabami.**

**(Amanota10)**

a. Ubwiru
b. Ibisigo
c. Inanga
d. Ubucurabwenge
e. Indirimbo z'ingabo
f. Ibitekerezo by'ingabo

Huza uturango dukurikira n'ingeri zavuzwe haruguru wandika inyuguti a,b,c,d,e na f mu mwanya wateganyijwe.

**IKITONDERWA**: ingeri imwe ishobora guhuzwa n'uturango turenze kamwe

1. ......Byakoreshaga amagambo y'indobanure.
2. ......Bavugaga uko igitero cyagenze.
3. ......Zagiraga umumaro mubitaramo byo kwizihiza umutsindo.
4. ......Bazihimbiraga kurata no gusingiza abami.
5. ......Habaga harimo ikesha mvugo.
6. ......Habaga harimo amazina y'abami n'abagabekazi.
7. ......Habaga harimo amakabya nkuru.
8. ......Habaga harimo imvugo iryoheye amatwi.
9. ......Havugwagamo inkuru y'ibitero byagabwe.
10..... Hari hakubiyemo amategeko yagengaga imihango y' ibwami.

## II. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (Amanota 30)

**14. Subiza nibyo ukoresheje inyuguti ya (N), usubize sibyo ukoresheje inyuguti ya (S) ku nteruro zikurikira mu mwanya wabugenewe.** **(Amanota 10)**

a. Iyo umworozi w'inka atangiye gukama bavugako asutse……
b. Kurangiza gukama babyita kwinikiza……
c. Iyo inka yagiye kunda bavuga ko yereye…….
d. Iyo ingoma zishyirwaho uruhu bavuga ko ziri kuramvurwa…….
e. Umuheha banywesha amata bawita umuceeri…….
f. Amata y'inka yimye bayita amasitu………
g. Kumena amata ubishaka babyita kuyabikira………
h. Umwambaro w'umwami bawita igisingo………
i. Ingobyi bahekamo umwami bayita inteko………
j. Inzu nkuru umwami araramo bayita ingoro……

**15. Uzurisha imbonerahamwe ikurikira *uturemajambo* n'*itegeko* bikwiye.** **(Amanota 10)**

| Amazina | Uturemajambo | Amategeko |
|---|---|---|
| 1. Imfwati | | |
| 2. Akebo | | |
| 3. Insibo | | |
| 4. Igihaza | | |
| 5. Umwiko | | |
| 6. Imyuko | | |
| 7. Impinja | | |
| 8. Inshuro | | |
| 9. Imfizi | | |
| 10.inzuzi | | |

**16. Shyira amasaku n'ubutinde ku nteruro zikurikira** **(Amanota 10)**

a. Akarima k'igikoni
b. Kiza na muganwa
c. Inzu ya Kalisa
d. Kamali agenda nka Muhire
e. Umugore n'umugabo
f. Mutoni na Gasaro
g. Inkoni ya Gasore
h. Afatwa nk'intwari
i. Abato bagendana n'iki gihe
j. Yitwara nk'aba babyeyi be

## IGICE CYA GATATU: IHANGA MWANDIKO (Amanota 20)

**17. Himba umwandiko kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira unagaragaze imbata yawo mu magambo atarenze 200**

a) Ibyiza by'inganzo y'umuco gakondo.
b) Ibyiza by'ingagi ziba muri Pariki y'ibirunga mu Rwanda.

NESA2021